MIJEUCOOP

1dc

4 p

Rapport

1984

/M.D./

2 7 NOV. 1984

4237 15.07

29/11/1984

Bwana Burugumestri wa Komine
KARAMA
G I K O N G O R O.

Bwana Burugumestri,

Nkulikije ibaruwa bwana SEMARORA Augustin Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino muli Komini KARAMA, yanyandikiye kuwa 22/10/1984 akayiguhera kopi, ngusabye gukora uko ushoboye kugirango umubonere umusimbura vuba.

Nk'uko ubizi umwaka utaha wahariwe urubyiruko kw'isi hose. Ubwo rero hakwiye ukangura urubyiruko muli Komini uyobora akagufasha mu gutunganya programu yateganyijwe muli uwo mwaka.

Ministri w'Urubyiruko
no Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Augustin
Major BEM.

REPUBLIQUE RWANDAISE MINISTERE DE LA JEUNESSE ET DU MOUVEMENT COOPERATIF

Bimenyeshejwe:
- Bwana Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya za Komine
  K I G A L I.
- Bwana Prefe wa Prefegitura
  G I K O N G O R O.
- Bwana Suprefe wa Suprefegitura KARAMA
  G I K O N G O R O.
- Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko na za Koperative muli Suprefegitura KARAMA
  G I K O N G O R O.

BCR.

SEMARORA Augustin
C/O HISHAMUNDA Charles
Encadreur Adjoint de la
Jeunesse et des Coopératives
en S/Préfecture de KARABA
Préfecture GIKONGORO

Karama, kuwa 22/10/1984

30/10/84 Ivâne
DGJ (DEF) pour demander remarques au sous-préfet et à l'prc. 1e regional de Karaba
Date entrée : 30/10/84
Classement : 7124/10.04
2/11/84

Nyakubahwa Bwana Ministre w'Ubutegetsi
bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini
**KIGALI**.-

Nyakubahwa Bwana Ministre w'Urubyiruko no
Gutsura za Coopératives
**KIGALI**

Ba Nyakubahwa Bwana Ministres,

Bitewe n'ingorane nyinshi zitanyoroheye mpura nazo ku kazi mwanshinze nagira ngo ngire zimwe mbagezaho ngira ngo mbajulilire nk'uko amategeko agenga abakozi ba Komini mu ngingo yayo ya 36 mu gika cyayo 4/5 abivuga, ngo murebe uko mwandenganura kuko njyewe mbura icyo nzira.

Ku italiki ya 16/10/1984, nabonye urupapuro rwa Bwana Burugumestri wa Komini Karama rumpagalika:
Ubwa mbere abikora yavugaga ko ali représentation unique, ubundi ngo ni lettre circulaire yo muli Ministère y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini, yakongeraho ngo sinkora; nyamara uko kunyishyiramo nkabona byaratewe n'inzika akunda kugilira abakozi bamwe kandi akabibagaragaliza.
Mu minsi ishize twigeze kugirana utumanza tworoheje andega kwa Prefe Paul KARENZI bya gitiku; icyo gihe ndiregura arabitsindirwa, nkaba mbona lero ali inzangano yongeyeye gukurura kuko ibikorwa mu kazi kanjye bigaragara henshi mu masegiteri na za selire, byongeyeho représentation unique zihagaralira muli préfecture no muli S/Préfecture kandi n'iyo lettre circulaire avuga ntabwo itureba, kandi n'iyo yatureba, nfite impamya-bushobozi ishakwa, akaba aliyo mpamvu nibaza rwose ikinyirukanisha kandi nkora neza. Noneho se niba yishakira Encadreur umwe, yadukoresheje test utsinzwe akaba aliwe usezererwa niba koko hali ibarwa yaje ibivuga.
Yabajije se n'abandi badutegeka mu rwego rwa technique icyo badutekerezaho twembi, aha ndashaka kuvuga Encajeucoop muli Préfecture na S/Préfeture nkoreramo.

Niba kandi angayira koko imikorere yanjye ali mike niyo mpamvu ahanini itumye mbajulilira ngirango mbasabe ko mwakohereza komisiyo izigenzulira ubwayo ibikorwa nagezeho birebana n'Urubyiruko muli segiteri na selire: mubonye mudashoboye kugera sur terrain, Nyakubahwa Bwana Ministri, mwakwandikira S/Prefe wa S/Prefegitura KARABA, utuye kandi agakorera muli komini nakoragamo akabagezaho raporo, ndetse na Encadreur adjoint bakorana, bazabagezaho raporo yabyo, ibyo bigatuma munshira urubanza rukwiye.

.../...

Ibye bikorwa by'urubyiruko byagenzurwa ni ibi bikulikira:

- Amashyirahamwe y'urubyiruko rutageze n'urutashoboye gukomeza amashuli (lutte contre la délinquence et le chômage)
- Umuganda w'urubyiruko wihaliye n'ibye umaze kugerahe
- Za centres zigisha urubyiruko gusoma no kwandika nashinze muli Komini n'ubwumvikane hagati yanjye n'abo nasabye kunyigishiliza urwo rubyiruko
- Imikorere ya ba Encadreurs bénévoles nashyizeho mu ma selire na segiteri n'uburyo bihatira kumfasha gukangura urwo rubyiruka
- Amakipi ya za animasiyo mu ma segiteri na selire ndetse n'ay'imikino ya Gakondo
- Amakipi y'umupira w'amaguru muli za selire na segiteri n'uko ahura n'ayo hanze.

Nimwebwe, ba Nyakubwahwa Bwana Miństri, nalinshigaje gutakira ngo mundenganure, kuko jye uko mbibona, ndasanga niba atanshaka muli komini ye, aho kugirango nirukanirwe ubusa, ahubwo bampindulira mu yindi komini noneho bakareba ko hali icyo ngawa, haba mu bikorwa nasabwa gukora, ~~[illegible]~~ mbikesha ubwumvikane bugomba kuba hagati y'abategekwa n'abategeka.

Mu gihe ngitegereje igisubizo gihire kuli ubu bujulire bwanjye, ba Nyakubahwa Bwana Ministri, mbaye mbashimiye.

SEMARORA Augustin
Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino
muli Komini Karama

<u>Bimenyeshejwe:</u>

- Bwana Prefe wa Prefegitura <u>GIKONGORO</u>.-
- Bwana S/Prefe wa S/Prefegitura <u>KARABA</u>.-
- Bwana Burugumestri wa Komini <u>KARAMA</u>.-
- Bwana Encadreur-Régional muli Prefegitura ya <u>GIKONGORO</u>.-
- Bwana Encadreur Adjoint w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative muli S/Prefegitura <u>KARABA</u>.-